



PreK 4 ME Uguhuza imiryango

IGICE CYA 1: UMURYANGO

Ishusho rusange y'igice cya 1: Umuryango

Inyigisho tuzagira muri uku kwezi ni ukurebera hamwe ibigendanye n'miryango y'abanyeshuri n'uburyo abagize imiryango babanye kandi banafashanya. Muri izo nyigisho tuzareba uko abagize imiryango bakorera hamwe mu gukemura ibibazo, amakimbirane n'ibitabafutukiye neza tunamenye imirimo n'inshingano zitandukanye abantu bafite mu muryango. Ni umwanya kandi wo kwakira ubumenyi bw'ibanze ku nyuguti n'amajwi zibyara. Ni umwanya wo guhura na bagenzi bacu twigana bafite uko bareba ibintu mu buryo butandukanye, tukaba tugomba kumenya uko tuzajya dukemura ibibazo mu ishuri ryacu.

Soma neza wumve ibibera mu ishuri rya PreK noneho uzabigeze ku bana bajye babyigira mu rugo!

IGICE CYA 1

IBITABO BIHARI (MU CYONGEREZA)

Peter's Chair

Cyanditswe na Ezra Jack Keates

The Hello, Goodbye Window

Cyanditswe na Norton Juster and Chris Raschka

Time for Bed

Cyanditswe na Mem Fox

Families

Cyanditswe na Shelley Rotner afatanije na Sheila M. Kelly

Images from Amazon.com

Ibindi tuzasoma :

Cry Baby Cyanditswe na : Karen Beaumont

Sometimes I am Bambaloo

Cyanditswe na : Rachel Vail

Corduroy Cyanditswe na : Don Freeman

A Pig is Big Cyanditswe na : Douglas Florian

Shoes, Shoes, Shoes

Cyanditswe na : Ann Morris

Indirimbo, udukino tw'amagambo n'inyuguti

Uyu ni umwanya wo gufasha abanyeshuri bacu kwiga kandi bakorera utuntu tubashimishije bari kumwe. Dutangire tubara... turabikorana twifashishije imitubu:

Imitubu 5 y'icyatsi

Udutubu 5 tw'icyatsi twicaye ku giti cy'amabara turi kurya udusimba turyoshye ..MBEGA ICYANGA!

Kamwe gasimbukiye mu mazi ameze neza kandi akonje none hasigaye udutubu 4 tw'amabara ...SIMBUKA MAKERI! SIMBUKA MAKERI!

Udutubu 4 tw'icyatsi twicaye ku giti cy'amabara turi kurya udusimba turyoshye ..MBEGA ICYANGA!

Kamwe gasimbukiye mu mazi ameze neza kandi akonje none hasigaye udutubu 3 tw'amabara ...SIMBUKA MAKERI! SIMBUKA MAKERI!

Udutubu 3 tw'icyatsi twicaye ku giti cy'amabara turi kurya udusimba turyoshye ..MBEGA ICYANGA!

Kamwe gasimbukiye mu mazi ameze neza kandi akonje none hasigaye udutubu 2 tw'amabara ...SIMBUKA MAKERI! SIMBUKA MAKERI!

Udutubu 2 tw'icyatsi twicaye ku giti cy'amabara turi kurya udusimba turyoshye ..MBEGA ICYANGA!

Kamwe gasimbukiye mu mazi ameze neza kandi akonje none hasigaye agatubu 1 k'amabara ...SIMBUKA MAKERI! SIMBUKA MAKERI!

Agatubu 1 k'icyatsi kicaye ku giti cy'amabara kari kurya udusimba turyoshye ..YUM YUM!

Kamwe gasimbukiye mu mazi ameze neza kandi akonje none nta gatubu na kamwe k'amabara gasigaye ...SIMBUKA MAKERI! SIMBUKA MAKERI!

Reba akandi gace : hari indi myitozo bakorera mu rugo



Dore indi myitozo yo gufasha abana kwigira mu rugo!

Uyu ni umwitozo wo gufasha kwiga neza ururimi, ibirebana n'imibanire ndetse n'amarangamutima

Amafoto y'umuryango

Mu gihe waba ufite alubumu y'amafoto y'umuryango wanyu, muyirebemo uri kumwe n'umwana. Vuga abari ku mafoto, icyo mupfana ndetse n'icyo ubibukaho.

Uyu ni umwitozo wo gufasha kwiga neza kumenya kwandika no gukora utuntu tw'ubugeni

Ritangizwa na...

Saba umwana arebe hirya no hino mu nzu akwereke ibintu 3 byavugwa ijwi rya mbere ry'izina ry'icyo kintu ari rimwe n'ijwi rya mbere iyo bavuze izina rye. Noneho ubwo ubasabe kubishushanya. .

Uyu ni umwitozo wo gufasha kwiga neza imibare

Umuhigo

Uyu ni umukino w'umuhigo wigisha imibare! Fasha umwana wawe kubona ibintu 2 cyangwa 3 bisa biri mu nzu aho (amakaramu y'igiti, imipfundikizo y'icupa n'ibindi). Musabe abishyire ku murongo cyangwa abifatanye ku rupa-puro yifashishije kole. Musabe abibare.

Ibyagufasha mu gihe cyo kubarira inkuru umwana :

- ⇒ Shaka ahantu heza hatekanye hatari icyakurogoye
- ⇒ Uko usoma, ereka umwana wawe ijambo utungaho urutoki
- ⇒ Genda umusobanurira icyo amagambo avuze uko musoma



Ishusho yavuye kuri Pixabay

Icyo twabwira imiryango cyangwa abarera abana:

Ku byiciro byose umwana anyuramo akura, umuntu aba agomba kumenya neza abantu akora mu muni wose bimufasha kwiga. Ku babyeyi bajya ku kazi, akenshi biragorana ariko bishobora koroha iyo baganira neza bisanzuye n'abita ku bana banabigisha. Ugomba gukora ku buryo uwita ku mwana aba afite amakuru arebana n'uburyo yakuvugisha igihe iki n'iki. Umuntu wita ku mwana mugomba kuvugana kenshi gashoboka, byashoboka bikaba buri muni kugira ngo umenye ibyo umwana wawe yiga n'uko yitwara. Ugomba gufasha umwana ibyo yiga mbere yo gutangira amashuri cyangwa mu kiburamwaka mugira imyitozo mukorana mu rugo. Uko kuvugana n'abita ku bana n'abarimu ntabwo bifasha umwana wawe gusa mu masomo no mu mukirire ye mu birebana n'imibanire n'amarangamutima, ahubwo binamufasha kumva wowe uri umuntu umuri hafi.

Ugomba kuzirikana ko icyo mukoranye cyose kimufasha kugira icyo yiga kandi ko kwiga bibera ahantu hatandukanye; atari ku ishuri gusa.

Aho byavuye: <https://eclkc.ohs.acf.hhs.gov/parenting/article/you-your-preschool-child#Needs>